

ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/16.01 RYO  
KUWA 24/05/2013 RISHYIRAHU  
IBYEREKEZO BY'INGENZI  
BY'IMICUNGIRE Y'AMAZI MU BIBAYA  
BININI MU RWANDA

MINISTERIAL ORDER N°007/16.01 OF  
24/05/2013 DETERMINING THE MAIN  
MANAGEMENT VISIONS OF WATER  
RESOURCES IN THE MAIN  
HYDROGRAPHIC BASINS IN RWANDA

ARRETE MINISTERIEL N° 007/16.01 DU  
24/05/2013 DETERMINANT LES  
PRINCIPALES VISIONS DE LA GESTION  
DES EAUX DES GRANDS BASSINS  
HYDROGRAPHIQUES AU RWANDA

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO**  
**RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS**  
**GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamiye**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Ingingo ya 2: Ibibaya binini**

**Article 2: Main hydrographic basins**

**Article 2: Grands bassins hydrographiques**

**UMUTWE WA II: IBYEREKEZO**  
**BY'IMICUNGIRE**

**CHAPTER II: MANAGEMENT VISIONS**

**CHAPITRE II: VISIONS DE LA GESTION**

**Ingingo ya 3: Imicungire ikwiye y'amazi**

**Article 3: Appropriate management of water  
resources**

**Article 3: Gestion appropriée des ressources  
en eau**

**Ingingo ya 4: Imicungire ikwiye y'ubutaka**

**Article 4: Sustainable land use**

**Article 4: Utilisation durable des sols**

**Ingingo ya 5: Kurinda amazi ibiyahumanya**

**Article 5: Protection of water resources from  
pollution**

**Article 5: Protéger les ressources en eau  
contre les activités polluantes**

**Ingingo ya 6: Kubika amazi**

**Article 6: Water storage**

**Article 6: Stockage de l'eau**

**Ingingo ya 7: Kubungabunga ibidukikije**

**Article 7: Environmental conservation**

**Article 7: Sauvegarde de l'environnement**

**Ingingo ya 8: Kubungabunga ibibaya binini**

**Article 8: Conservation of main hydrographic  
basins**

**Article 8: Conservation des grands bassins  
hydrographiques**

**UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER III : FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 9:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 9:** Repealing provision

**Article 9:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 10:** Igihe iteka ritangira gukurikizwa

**Article 10:** Commencement

**Article 10:** Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/16.01 RYO KUWA 24/05/2013 RISHYIRAHU IBYEREKEZO BY'INGENZI BY'IMICUNGIRE Y'AMAZI MU BIBAYA BININI MU RWANDA**

**MINISTERIAL ORDER N° 007/16.01 OF 24/05/2013 DETERMINING THE MAIN MANAGEMENT VISIONS OF WATER RESOURCES IN THE MAIN HYDROGRAPHIC BASINS IN RWANDA**

**ARRETE MINISTERIEL N° 007/16.01 DU 24/05/2013 DETERMINANT LES PRINCIPALES VISIONS DE LA GESTION DES EAUX DES GRANDS BASSINS HYDROGRAPHIQUES AU RWANDA**

**Minisitiri w'Umutungo Kamere;**

**The Minister of Natural Resources;**

**Le Ministre des Ressources Naturelles;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121, et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 62/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena uburyo bwo gukoresha, kubungabunga, kurengera no gucunga neza umutungo w'amazi cyane cyane mu ngingo yaryo ya 29;

Pursuant to Law n° 62/2008 of 10/09/2008 putting in place the use, conservation, protection and management of water resources regulations, especially in Article 29;

Vu la Loi n° 62/2008 du 10/09/2008 fixant les règles d'utilisation, de conservation, de protection et de gestion des ressources en eau, spécialement en son article 29;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 14/11/2012 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/11/2012;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/11/2012;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO**  
**RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS**  
**GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rishyiraho ibyerekezo by'ingenzi by'imicungire y'amazi mu bibaya binini.

This Order determines the main management visions of water resources in the main hydrographic basins.

Le présent arrêté détermine les visions de la gestion durable et complète des ressources en eau dans les grands bassins hydrographiques.

**Ingingo ya 2: Ibibaya binini**

Ibibaya binini bivugwa muri iri teka ni ikibaya cy'amazi cya Congo hamwe n'ikibaya cy'amazi cya Nile.

**UMUTWE WA II: IBYEREKEZO BY'IMICUNGIRE**

**Ingingo ya 3: Imicungire ikwiye y'amazi**

Imicungire ikwiye y'amazi yo mu bibaya binini ishyira mu bikorwa gahunda zigamije kurengera, kubungabunga, kurinda no gukoresha neza umutungo kamere w'amazi yo mu bibaya binini by'amazi.

**Ingingo ya 4: Imicungire ikwiye y'ubutaka**

Mu rwego rwo gucunga neza ubutaka, umuntu wese utuye mu Rwanda afite inshingano yo kurwanya isuri mu bibaya binini by'amazi.

Umuntu wese ufite ibikorwa bikorerwa ku butaka bwo mu bibaya binini arwanya isuri hakurikijwe imiterere y'ubutaka n'ubwinshi bw'imvura by'aho ibyo bikorwa bikorerwa.

**Ingingo ya 5: Kurinda amazi ibiyahumanya**

Birabujijwe kujugunya cyangwa kohereza mu mazi

**Article 2: Main hydrographic basins**

The main hydrographic basins referred to in this Order are the Congo River Basin and the Nile River Basin.

**CHAPTER II: MANAGEMENT VISIONS**

**Article 3: Appropriate management of water resources**

The appropriate management of water in the main hydrographic basins shall implement programmes for the protection, conservation, safeguarding and rational use of water resources in the main hydrographic basins.

**Article 4: Sustainable land use**

For purposes of using land in a sustainable manner, every person living in Rwanda shall have the responsibility of controlling soil erosion in the main hydrographic basins.

Every person who carries out activities on the land of the main hydrographic basins shall be required to control soil erosion taking into account the nature of the land and the rainfall intensity in the location of the activities.

**Article 5: Protection of water resources from pollution**

Throwing or discharging in water or in any other

**Article 2: Grands bassins hydrographiques**

Les grands bassins hydrographiques faisant objet du présent arrêté sont le Bassin du Congo et le Bassin du Nil.

**CHAPITRE II: VISIONS DE LA GESTION**

**Article 3: Gestion appropriée des ressources en eau**

La gestion appropriée des eaux dans les grands bassins hydrographiques met en exécution les programmes visant à protéger, sauvegarder, garder et utiliser rationnellement des ressources en eau dans les grands bassins hydrographiques.

**Article 4: Utilisation durable des sols**

Dans les grands bassins hydrographiques d'eau, la lutte anti érosive est la responsabilité de chaque personne habitant au Rwanda.

Toute personne ayant des activités dans les grands bassins hydrographiques, doit lutter contre l'érosion en tenant compte de la nature du sol, la pente et la pluviométrie à l'endroit où les activités sont menées.

**Article 5: Protéger les ressources en eau contre les activités polluantes**

Il est interdit de jeter toute chose pouvant polluer

cyangwa ahandi hantu hose ikintu icyo ari cyo cyose gishobora guhumanya umutungo kamere w'amazi, nk'uko kigaragazwa n'iteka rya Minisitiri rigena urutonde rw'ibihumanya amazi hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose ku buryo byazagera mu mazi bijyanywe n'umuvu cyangwa ku bundi buryo.

**Ingingo ya 6: Kubika amazi**

Kubika amazi bigomba gutezwa imbere mu bibaya binini.

Kubaka ingomero nto cyangwa nini bigomba gukorwa ku buryo butabangamira imikoreshereze y'amazi hakurikijwe amabwiriza atangwa na Minisitiri ufite umutungo kamere w'amazi mu nshingano ze.

Minisitiri ufite umutungo kamere w'amazi mu nshingano ze ni we utanga uburenganzira bwo kubaka ingomero.

**Ingingo ya 7: Kubungabunga ibidukikije**

Mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije, umuntu uwo ari we wese uteganya kugira igikorwa akorera mu bibaya binini gishobora kugira ingaruka ku mutungo kamere w'amazi, agikora abanje gukora isuzumangaruka ku bidukikije hakurikijwe amategeko.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi

place, any of the substances that is harmful to water resources as indicated by the Ministerial Order determining the list of water pollutants, by use of any means that may reach water either by rainwater or through any other ways is prohibited.

**Article 6: Water storage**

Water storage shall be encouraged in the main hydrographic basins.

The construction of small or large dams shall be done in a way that does not obstruct the use of water and in accordance with instructions of the Minister in charge of water resources.

The Minister in charge of water resources shall issue authorisation for construction of dams.

**Article 7: Environmental conservation**

For purposes of environmental conservation, any person who intends to carry out any activity in the main hydrographic basins that may have an impact on water resources shall first conduct an environment impact assessment in accordance with relevant the law.

Without prejudice to the provisions of Paragraph

les ressources en eau telle que défini par l'arrêté ministériel déterminant la liste des polluants de l'eau dans les eaux ou autre endroit par n'importe quel moyen pouvant acheminer les polluants soit par les eaux de ruissèlement ou toute autre voie.

**Article 6: Stockage de l'eau**

Le stockage de l'eau doit être promu dans les grands bassins hydrographiques.

La construction de petits ou grands barrages se fait de manière à ne pas empêcher l'utilisation de l'eau en respectant les directives du Ministre ayant les ressources naturelles en eau dans ses attributions.

L'autorisation de construire des barrages et les autres infrastructures connexes à l'eau est accordée par le Ministre ayant les ressources en eau dans ses attributions.

**Article 7: Sauvegarde de l'environnement**

Dans le cadre de la conservation de l'environnement, toute personne qui désire mener des les activités dans de grands bassins hydrographiques pouvant avoir des conséquences sur les ressources en eau, doit exécuter ces activités après avoir fait une évaluation de l'impact environnemental conformément à la loi.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa

**Official Gazette n° Special of 30/05/2013**

ningingo, igikorwa gikorerwa mu bibaya binini kandi gishobora kugira ingaruka ku mazi, kigomba gukorwa hirindwa gusesagura amazi no kwangiza urusobe rw'ibinyabuzima.

Ikigo gifite imicungire y'umutungo kamere w'amazi mu nshingano zacyo gikurikirana iyubahirizwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganijwe n'iyi ngingo.

**Ingingo ya 8: Kubungabunga ibibaya binini**

Umuntu wese afite inshingano yo kubungabunga ibibaya binini.

By'umwihariko, abayobozi b'inzego z'ibanze bafite inshingano yo gusobanurira abaturage uko bakwiye kubungabunga umutungo kamere w'amazi yo mu bibaya binini no gushyikiriza inzego z'ubutabera umuntu wese ukoresheje ibibaya binini ku buryo bunyuranyije n'amategeko.

**UMUTWE WAIII: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 10: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu

One of this Article, any activity carried out in the main hydrographic basins and which may have a harmful impact on water resources shall be conducted in respect of prevention of water wastage and any harm to biodiversity.

The Authority in charge of management of water resources shall ensure the enforcement and implementation of the provisions of this Article.

**Article 8: Conservation of main hydrographic basins**

Every person shall have the responsibility of conserving the main hydrographic basins.

In particular, local leaders shall have the responsibility of sensitising the population on protection of water resources in the main hydrographic basins and notify judicial authorities in case the basins are used in a manner that is contrary to law.

**CHAPTER III : FINAL PROVISIONS**

**Article 9: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 10: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its

premier du présent article, les activités conduites dans les grands bassins hydrographiques pouvant avoir des conséquences sur les ressources en eau doivent être faites en évitant le gaspillage d'eau et les dommages à la biodiversité.

L'institution ayant les ressources en eau dans ses attributions mène le suivi du respect et de l'application des dispositions du présent article.

**Article 8: Conservation des grands bassins hydrographiques**

La protection des grands bassins hydrographiques est la responsabilité de tout un chacun.

Spécialement les autorités de l'Administration Locale ont la responsabilité de sensibiliser la population sur la protection des ressources en eau dans les grands bassins hydrographiques et de traduire en justice toute personne qui détruit ou utilise ces ressources contrairement à la loi.

**CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 9 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 10 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa

***Official Gazette n° Special of 30/05/2013***

ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **24/05/2013**

Kigali, on **24/05/2013**

Kigali, le **24/05/2013**

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Minisitiri w'Umutungo Kamere

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Minister of Natural Resources

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Ministre des Ressources Naturelles

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice / Attorney General

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux